

Min. Stella ntiyiyumvisha uko mu Rwanda havugwa inzara nta muturage wapfuye

Yanditswe na [Mathias Hitimana](#) -
11/08/2016

<http://izubarirashe.rw>



Minisitiri Stella Ford Mugabo ushinzwe imirimo y'Inama y'Abaminisitiri

Hamaze iminsi humvikana kudahuza ku nyito y'ibura ry'ibiryo ku baturage bo mu bice bimwe by'igihugu, bamwe bakabyita 'inzara', inzego za leta zikabitera utwatsi zo zikabyita 'amapfa'.

Kuri uyu wa Kane, tariki ya 11 Kanama 2016 mu kiganiro n'abanyamakuru bagiranye n'abagize Guverinoma batandukanye bavugaga ku myanzuro yafatiwe mu Nama y'abaminisitiri yo kuwa 10 Kanama 2016, hari umunyamakuru wakomoje ku kuvuga inzara mu Rwanda.

Ibi byatumye Minisitiri Stella Ford Mugabo ushinzwe imirimo y'Inama y'Abaminisitiri abigarukaho, agaragaza ko kuri iyi ngingo, ukurikije igisobanuro cy'icyitwa 'inzara' nk'uko ngo n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku biribwa (WFP) ubisobanura, mu Rwanda nta nzara ihari.

Minisitiri Stella yagaragaje ko ahavugwa ko ari inzara herekanwa umubare w'abantu bapfa, bagashyingurwa kubera ko babuze ibyo kurya. Kandi agashimangira ko ari nako (WFP) ibibara ahandi ku isi. Akibaza impamvu mu Rwanda havugwa inzara kandi nta muntu wapfuye.

Yagize ati "Sinzi niba hari aho mwari mwumva bavugaga ko hari abantu bapfuye mu Rwanda kubera kubura ibyo kurya? Bya bindi tubona muri Sudani, Sudani y'Epfo, ibyo tubona n'ahandi usanga n'umuntu yananiwe no guhaguruka, bari mu bitaro kubera ko babuze ibyo kurya."

Yakomeje agaragaza ko ikiri mu Rwanda ari amapfa, kandi na byo leta iba yariteguye uburyo bwo gutabara abaturage mu gihe abaturage batabonye umusaruro nk'uwo bari bawiteze.

Ku bw'ibyo, muri Minisitiri y'Ubuhanzi n'Ubworozi harimo ibigega, biri no kwifashishwa muri iki gihe mu kugaburira abaturage bahuye n'amapfa, nk'uko Minisitiri Stella yabyibukije.

Ashimangira ko mu Rwanda nta cyitwa inzara gihari, Stella yagize ati "MINAGRI n'uyu munsi ntabwo ibigega birashiramo ubusa, turacyafite ibyo kurya byo kugaburira abantu, kandi

turumva ko n'igihe kigiye gutangira biri bushoboke...Nta nzara yo kwica abantu iriho mu gihugu.”

Asobanura ko leta buri mwaka ihora yiteguye kugira ngo hagize ahaba ikibazo cy'amapfa, kubera ikibazo cy'ihindaguriraka ry'ikirere kiri ku isi yose, ibashe gutabara abaturage bagizweho ingaruka no kubura umusaruro.

Minsitiri Stella Ford Mugabo yagaragaje ko bidakwiye rwose kwita ikibazo cy'ibura ry'ibiribwa ko ari inzara. Anagaragaza ko kubwita inzara, bitandukanye n'igisobanuro cy'Umuryango Mpuzamahanga wita ku biribwa, ari uguha u Rwanda ishusho mbi rudafite.

Ibibazo by'ibura ry'ibirirwa ryagaragaye cyane mu Karere ka Kayonza.

Ikibazo cy'amapfa yibasiye Uburasirazuba kizashira gite?

Ubwo yari imbere y'Inteko Ishinga Amategeko, Minsitiri w'Intebe Murekezi Anastase yagaragaje ko ikibazo cy'amapfa mu Ntara y'uburasirazuba hafashwe ingamba zo kugihashya.

Yibukije ko Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 08 Nyakanga 2016 yasuzumye ikibazo cy'ibura ry'amazi n'ibiribwa cyaturutse ku ibura ry'imvura (prolonged drought).

Yagize ati “Guverinoma ubu irimo gukora ibishoboka byose kugira ngo ikomeze kugoboka abaturage ibashyikiriza ibiribwa n'amazi. Guverinoma yanashyizeho kandi akanama gahuriweho (Task Force) karimo MINAGRI, MINALOC, MINADEF, MININFRA, MIDMAR, WASAC, RNRA, na RAB, kugira ngo bakorane n'inzego z'ibanze mu kwegeranya ibikenewe byose mu rwego rw'ibigomba gukorwa ku buryo bwihuse, no mu buryo bw'igihe kirambye”

Imyaka mu Karere ka Nyagatare yarumye

Mu mishinga yateguwe nk'uko Murekezi yabigaragaje, harimo ko hakozwe inyigo ku bijyanye no kugomera amazi y'Umuvumba ikifashishwa mu kuhira imyaka no guha amatungo amazi.

Minsitiri w'Intebe, mu Ntangiriro za Kanama 2016 yatangaje ko iyo nyigo “yatweretse ku buryo bugaragara ko dushobora kuzongera ubuso bwuhirwa hakoreshejwe Umuvumba, bugashobora kugera kuri hegitari 10,000 buvuye ku 3,780 zahirwa uyu munsu hakoreshejwe amazi ava mu Mugezi w'Umuvumba.”

Yakomeje agira ati “Iyi nyigo kandi yatweretse ko amazi agomewe ku Muvumba azafasha gukemura ibibazo by'amazi mu mirenge ya Nyagatare, Karangazi na Rwimiyaga; amazi yo kuhira amatungo ndetse n'ayo kuhira imyaka mu mirenge ya Musheru, Rwempasha, Tabagwe, Nyagatare na Rukomo.”

Byongeye yanavuze ko urwo rugomero rw'Umuvumba ruzanatanga amashanyarazi angana na MW imwe.

Yahamirije abagize Inteko Ishinga Amategeko ko Guverinoma yatangiye gushaka amafaranga yo kubaka urwo rugomero runini ruzakemura igice kinini cy'ikibazo cy'ibura ry'amazi mu Ntara y'uburasirazuba. Biteganyijwe ko ruzatwara miliyoni 178 z'amadolari y'Amaerika.

Indi mishinga mu gukumira amapfa yagandazaga amatungo, ni uguhanga no kongera amadamu.

Yagzie ati “Hatangiye kubakwa Valley Damu 12 zirimwo 6 zihereye mu Mirenge ya Karangazi na Rwimiyaga (Akarere ka Nyagatare), n’izindi 6 ziri mu Karere ka Kayonza mu Mirenge ya Murundi, Mwiri, Gahini, na Rukara. Hatangijwe n’imirimo yo kuvugurara Valley Damu zari zisanzwe mu Turere twa Kayonza, Gatsibo na Nyagatare kugira zongererwe ubushobozi.”

Nubwo habaho kuri bamwe gutinda ku nyito ‘inzara’, hiryana no hino abaturage icyo babuze ibyo kurya batejeje bahita babyita inzara. Hamwe na hamwe bakanayishakira izina bayihimba bakurikije uburyo ibyo kurya babibuze, batitaye ku kuba hari uwo yishe buhambe.

JK: *Ministre ategereje ko abantu babanza gupfa kugirango abone kwemera ko hali inzara !!!
Kuli we ntanzara itagira abapfu !!!*

Mwibuke ko aliwe wavuze ko atali ugusuhuka kubera inzara ahubwo ari baba bagiye kwitemberera murwego rwa East African community.